
# ABADAHIGWA BADAHUSHA INTEGO







## IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO

***IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO GISOHOKA BURI KWEZI KIBANDA KU MAKURU ATANDUKANYE Y'IBYAKOZWE MU MIYOBORERE MYIZA, UBUKUNGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE***

1357 @rulindodistrict info@rulindo.gov.rw

INKURU Z'INGENZI Z'IBYAKOZWE MURI NZERI 2025

NZERI, 2025

**MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU HABIMANA DOMINIQUE YASABYE ABATURAGE BO MU MURENGE WA MASORO KWIRINDA KWISHORA MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO BUTEMEWE.**



**GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYARUGURU YATANGIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2026 A ASABA ABATURAGE GUSHYIRA IMYAKA N'AMATUNGO MU BWISHINGIZI**



**UMUYOBOZI W'AKARERE ARASHIMA URUHARE RWA BAMUTIMA W'URUGO MU GUKUMIRA AMAKIMBIRANE MU MIRYANGO**




**UMUYOBOZI W'AKARERE USHINZWE ITERAMBERE RY'UBUKUNGU RUGERINYANGE THEONESTE YASABYE ABATURAGE KWITABIRA IBIKORWA BITEGANYIJWE MU CYUMWERU CYAHARIWE KWIMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE**



**RP–TUMBA COLLEGE NA GREATER BATANGIJE IKORANABUHANGA RYA "LIVING LAB" MU MUDUGUDU W'ICYITEGEREREZO WA MUYANZA.**



## MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU HABIMANA DOMINIQUE YASABYE ABATURAGE BO MU MURENGE WA MASORO KWIRINDA KWISHORA MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO BUTEMEWE



*HABIMANA Dominique Ministiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu*

Ibi Guverineri yabigarutseho ku wa 16 Nzwei .ubwo Minisitiri w'ubutegetsi bw'Igihugu , Habimana Dominique, ari kumwe na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice,hamwe n'inzego z'umutekano basuraga abaturage b'Umurenge wa Masoro na Murambi mu nteko y'abaturage.

Muri iyi nteko abayobozi baganiriye n'abaturage babakangurira gukomeza kwitabira gahunda za Leta no gukora bakiteza imbere kandi bakirinda kwishora mu bikorwa bitemewe.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, MUGABOWAGAHUNDE Maurice, yashimangiye ko iterambere rirambye rishingiye ku bufatanye. Yagize ati:"Turashimira abaturage ba Masoro na Murambi uburyo bitabira gahunda za Leta. Iterambere ry'Intara yacu rishingiye ku bufatanye bwanyu n'ubuyobozi. Nidukomeza gufatanya, tuzabasha kugera ku ntego z'igihugu cyacu."

Mu ijambo rye, Minisitiri HABIMANA Dominique yagarutse ku ngingo z'ingenzi abaturage bakwiye kwitaho kugira ngo barusheho kwiteza imbere. Yagize ati:"Abaturage bacu tugomba kubashishikariza kwirinda ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'agaciro, kuko butesha agaciro ubukungu bw'igihugu ndetse bugateza n'ibibazo by'umutekano. Ni ngombwa kandi ko abana bose boherezwa ku ishuri, kuko aribo hazaza h'igihugu."

Yibukije kandi ko ubwisungane mu kwivuza ari inkingi ikomeye mu mibereho y'abaturage:"Nta muturage ugomba gusigara adafite mutuelle. Kwivuza ni uburenganzira bwacu twese kandi tugomba kubufata nk'ingaruka itaziguye ku mibereho yacu."

Abaturage basabwe kandi kugaburira abana indyo yuzuye no kugira isuku aho bari hose, mu rwego rwo kurwanya igwingira no gukomeza kubungabunga ubuzima bwiza.

## GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYARUGURU YATANGIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2026 A ASABA ABATURAGE GUSHYIRA IMYAKA N'AMATUNGO MU BWISHINGIZI



*MUGABOWAGAHUNDE Maurice Guverineri w'Intara yAmajyaruguru*

Gutangiza igihembwe cy'ihinga cya 2026 A byabereye mu gishanga cya Nyarububa abahinzi bibumbiye muri Koperative KOYAKIRU bashyikirijwe ubwanikiro bw'ibigori bwubatswe ku nkunga ya DUHAMIC ADRI muri gahunda y'umushinga KUNGAHARA.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru MUGABOWAGAHUNDE Maurice ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru wungirije w'ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutezimbere ubuhinzi n'ubworozi RAB, Dr UWAMAHORO Florence n'abandi bayobozi bafatanyije n'abahinzi bo mu mirenge ya Cyungo na Rukozo ikora kuri iki shanga gutera imbuto y'ibigori aho bateye ku buso bungana na hegitare 74.

Nyuma yo guhinga no gutera ibigori Abayobozi bashimiye abaturage ku mbaraga bashyira mu buhinzi ndetse babasaba gufata neza ubwanikiro bahawe bakirinda kubwangiza ndetse babashishikariza kwitabira gushyira ibihingwa n'amatungo mu bwishingizi.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, MUGABOWAGAHUNDE Maurice, yashimye Koperative KOYAKIRU imbaraga Ishyira mu buhinzi agira ati:"Imbaraga n'ubwitabire byanyu bigaragaza ko tugana ku iterambere rirambye. Ni ngombwa gushyira ubuhinzi n'ubworozi mu bwishingizi kugira ngo muhangane n'ibiza n'ibyago."

Umuyobozi Mukuru wungirije wa RAB, Dr Uwamahoro Florence, yavuze ko iki gishanga ari ikitegererezo yagize Ati: "Nyarububa izaba ahantu hafasha abahinzi kubona umusaruro uhagije, mu buryo burambye kandi bujyanye n'ikoranabuhanga."

## UMUYOBOZI W'AKARERE ARASHIMA URUHARE RWA BAMUTIMA W'URUGO MU GUKUMIRA AMAKIMBIRANE MU MIRYANGO.



*Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith*

Mu nama y'inteko rusange y'inama y'igihugu y'Abagore yateranye kuri uyu wa 4 Nzeri 2025 hashimwe uruhare rw'abagore mu gukumira amakimbirane mu miryango,kurwanya ihohoterwa ndetse no gukumira imirire mibi n'igwingira mu bana bato. ni inama yarifite insanganyamatsiko igira iti: Umugore Ushoboye kandi ugaragaza uruhare rwe mu cyerekezo cy'Igihugu."

Umuyobozi W'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith Atangiza iyi nama yashimye uruhare rwaba mutima w'Urugo mu kugabanya umubare w'imiryango ibana mu makimbirane mu karere ka Rulindo aho yagaragaje ko Umugore agira uruhare ruziguye n'urutaziguye mu guhuza imiryango cyane cyane imiryango ibana mu makimbirane.

Umuyobozi w'Akarere yavuze ko mu mwaka ushize wa 204-2025 mu karere hose habaruwe imiryango ibana mu makimbirene igera ku 1256, ariko ko bigizwemo uruhare na ba Mutima w'Urugo imiryango 1001 yavuye mu makimbirane. .

Umuhuzabikorwa w'inama y'igihugu y'abagore Madamu NGARUYIMANZI Diane yagaragaje ibyagezweho mu mwaka wa 2024/2025 ndetse anasinyana imihigo yuyu mwaka wa 2025/2026 n'umuyobozi w'Akarere.



*Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith asinyana Imihigo n'Umuhuzabikorwa w'Inama Y'Igihugu Y'abagore mu Karere Ka Rulindo Madamu NGARUYIMANZI Diane*

yagaragaje ko mu mwaka ushize inama y'igihugu y'Abagore yashoboye kongerera ubushobozi amatsinda y'abagore mu mirenge itandukanye aho batanze amafaranga arenga ibihumbi 500 ndetse bagira uruhare mu kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana bato

NGARUYIMANZI Diane yagaragaje ko muri uyu mwaka wa 2025/2026 inama y'igihugu y'Abagore bo muri Rulindo bazakomeza kugira uruhare mu kurandura amakimbirane mu miryango,gusubiza abana mu ishuri ndetse no gutoza ababyeyi kugira umuco w'isuku.

Muri iyi nteko rusange abayitabiriye basobanuriwe kuri gahunda y'igihugu yo kwihutisha iterambere NST2 ndetse na gahunda y'imyaka itanu y'iterambere ry'Akarere (DDS) basabwa kugira uruhare rufatika muri izi gahunda.

Umuyobozi wa police mu karere ka Rulindo SP Jean claude GAKWANDI wari witabiriye iyi nteko rusange yashimiye Abagore uruhare bagira mu kubungabunga umutekano no kurwanya ihohoterwa ndetse n'amakimbirane ariko abasaba kujya batangira amakuru ku gihe.

Abitabiriye inteko rusange bahawe ubutumwa butandukanye burimo kwirinda ingaruka zituruka ku burwayi bwo mu mutwe hamwe no kwita ndetse no gufasha abafite ibimenyetso by'uburwayi bwo mu mutwe

## RULINDO: UMUYOBOZI W'AKARERE USHINZWE ITERAMBERE RY'UBUKUNGU RUGERINYANGE THEONESTE YASABYE ABATURAGE KWITABIRA IBIKORWA BITEGANYIJWE MU CYUMWERU CYAHARIWE KWIMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE



*RUGERINYANGE Theoneste Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu*

Tariki ya hatangijwe icyumweru cyahariwe kwimakaza ihame ry'uburinganire, Gender Accountability Dialogue (GAD),ni ubukangurambaga bufite insanganyamatsiko igira iti:"Umuryango utekanye, Ishema Ryanjye" ubu bukangurambaga bukaba bwatangirijwe mu nteko y'abaturage yabereye mu murenge wa Burega. Atangiza ubu bukangurambaga umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu RUGERINYANGE Theoneste yasabye abaturage kwitabira ibikorwa biteganyije muri iki cyumweru birimo:Gusezeranya imiryango ibana itarasezeranye mu mategeko, Kuganiriza imiryango ibana mu makimbirane, Kwandika abana batanditse mu irangamimerere,Kuganiriza abangavu basambanyijwe, Kugarura mu ishuri abana bataye ishuri. RUGERINYANGE Theoneste yakomeje asobanurira abaturage intego y'ubu bukangurambaga agaragaza ko bugamije gukomeza kwimakaza Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo.Yagize ati:

"Umuryango utekanye niwo musingi w'iterambere ry'igihugu Ni umwanya rero mwiza wo gusuzuma aho tugeze mu gukemura ibibazo bibangamiye umuryango, tunafatira hamwe ingamba zo gukemura ibibazo bikibangamiye Umuryango nyarwanda aho bikigaragara."

ubu bukangurambaga biteganyijwe ko buzasozwa tariki ya 2 ukwakira 2025, Ubushakashatsi butandukanye mu Rwanda bugaragaza ko hari intambwe nziza imaze guterwa mu kwimakaza ihame ry'uburinganire, ariko ko hakiri imbogamizi zikomeye zishingiye ku myumvire n'imico n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'izindi...

**RULINDO: HAKOZWE UMUGANDA WIHARIYE W'URUBYIRUKO HACUKURWA IMIRWANYASURI MU RWEGO RWO KWIRINDA IBIZA BITERWA N'IMVURA**



Tariki ya 13 Nzeri 2025 mu tugali twose tugize Akarere ka Rulindo hakozwe Umuganda wihariye w'Urubyiruko, ku rwego rw'Akarere uyu muganda wabereye mu kagali ka Mugambaza mu murenge wa Murambi.

Muri uyu muganda hakozwe ibikorwa bitandukanye birimo Kusana inzu z'abatishoboye, kubaka ubwiherero,gusibura no guhanga imirwanyasuri, gusiba ibinogo mu mihanda no gusibura inzira z'amazi, mu rwego rwo kurwanya isuri.

Uyu muganda wari witabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe iterambere ry'ubukungu RUGERINYANGE Theoneste hamwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage MUTAGANDA Theophile, inzego z'Umutekano n'abandi bayobozi

Nyuma y'umuganda, urubyiruko rwahawe ubutumwa butandukanye rusabwa kugira uruhare mu Kurengera Ibidukikije, kugira isuku, kwirinda ibiyobyabwenge, kwizigamira, kwiga no kwitabira amarushanwa ya Youth Connect.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu RUGERINYANGE Theoneste yashimiye urubyiruko rwitabiriye umuganda ashimangiye ko urubyiruko arirwo mbaraga z'Igihugu bityo ko ari inshingano zarwo mu kubungabunga ibidukikije binyuze mu bikorwa nkibi by'umuganda ndetse no mu buzima busanzwe bwa buri munsi kuko ibidukikije ari inshingiro ry'ahazaza h'igihugu cyacu.
Uyu Muganda wagaragaje ubufatanye n'imbaraga z'urubyiruko nk'umusingi w'iterambere rirambye mu Murenge wa Murambi n'Akarere ka Rulindo muri rusange.

**MBOGO: URUBYIRUKO RUSAGA 100 RUGIYE GUHABWA INKOKO ZIZARUFASHA KWITEZA IMBERE**



Tariki ya 23 Nzeri 2025 abasore n'inkumi 10 bo mu murenge wa Mbogo bahawe inkoko mu rwego rwo kubafasha kwiteza imbere.ni inkoko zatanzwe n'umushinga Agrifine,aho buri wese yahawe inkoko 200.
kwikubitiro uyu mushinga ukaba watangiriye kuri uru rubyiruko rugera ku 10 abandi nabo bakazagenda bazihabwa mu biciro aho biteganyijwe ko hazatangwa inkoko ibihumbi 200.

NSANZURUKUNDO Jean de Dieu,n'umwe mu bahawe inkoko, yashimiye ubuyobozi bw'Akarere ku ruhare bugira mu gufasha urubyiruko kwiteza imbere binyuze mu kurushakira abaterankunga.

NSANZURUKUNDO yakomeje ashima umushinga Agrifine wabahaye izi nkoko avuga ko zizamufasha kwiteza imbere ndetse akazoroza bagenzi be yagize ati:"Nishimiye guhabwa izi nkoko kuko Zigiye kumfasha kwitezimbere biturutse ku musaruro w'amagi narinsanzwe mfite izindi nkoko 150 ubu mpise ngira inkoko 350 urumva ko zizamfasha kubona amagi menshi no kwiteza imbere."

Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe iterambere ry'ubukungu RUGERINYANGE Theoneste yashimiye umushinga Agrifine wattanze izi nkoko asaba urubyiruko kuzafata neza inkoko bahawe bakazitaho kugirango zibashe kubagirira akamaro Yagize ati: "Turifuza kubona izi nkoko zibafasha kwiteza imbere. Muzazifate neza,kandi muzoroze n'urundi rubyiruko kugirango narwo rwiteze imbere."

Umuyobozi w'Akarere kandi yasabye urubyiruko kujya bitabira gahunda za Leta harimo nko kwishyura ubwisungane mu kwivuza ndetse no kwizigamira muri EjoHeza.

urubyiruko rwahawe izi nkoko rwabanje guhugurwa n'umushinga Agrifine hakaba harahuguwe urubyiruko rusaga 100 bikaba biteganyijwe abasigaye bazahabwa nyuma y'amezi atandatu abahawe mbere batangiye kwishyura.

## RP–TUMBA COLLEGE NA GREATER BATANGIJE IKORANABUHANGA RYA "LIVING LAB" MU MUDUGUDU W'ICYITEGERERERZO WA MUYANZA.



"Living Lab" ni uburyo bw'ikoranabuhanga butanga amashanyarazi hakoreshejwe ingufu zisubira ziturtuka ku mirasire y'izuba bwakozwe n'abanyeshuri bo mu ishuri rikuru ry'ubumenyingiro rya Tumba College ku bufatanye n'umushinga GREATER.

Eng. MUTABAZI Rita Clemence, Umuyobozi wa RP–Tumba College, Yagaragaje akamaro ka "Living Lab", cyane cyane uruhare rwayo mu guteza imbere iterambere ry'abaturage binyuze mu bisubizo birambye by'imikoreshereze y'ingufu zisubira. yashimangiye ko Living Lab izafasha abaturage kubona ibisubizo by'ingufu zisubira, inafashe abanyeshuri mu bushakashatsi no guhanga udushya. Yashimye cyane ubufatanye na gahunda ya GREATER nk'imwe mu nkingi y'iterambere rishingiye ku bufatanye.

Mu rwego rwo gutangiza ku mugaragaro uyu mushinga, imiryango ine ituye mu Mudugudu wa Muyanza yahise ihabwa sisitemu z'imirasire y'izuba zo kumurika mu ngo, nk'ikimenyetso cy'inyungu rusange z'uyu mushinga.Umwe mu baturage, Nyiransabimana Béatrice, yagize ati: "Ubu abana bazajya biga nijoro nta mbogamizi kandi tugabanye amafaranga tugura umuriro."



***NSHIMIYIMANA Dieudonne Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rulindo afungura kumugaragaro umushinga Ling Lab mu mudugudu wa Muyanza***

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rulindo, NSHIMIYIMANA Dieudonné, yashimiye RP–Tumba College hamwe n'umushinga GREATER ku bw'umusanzu wabo ugaragara mu guteza imbere abaturage.

utari uwo mu mashuri gusa. Yagaragaje ko ubu buryo buje gufasha abaturage bataragerwaho n'amashanyarazi kubona umuriro, ashimira igisubizo cy'ingufu z'imirasire y'izuba nk'uburyo buhendutse kandi burambye.
Uyu mushinga uteganyijwe kugera no mu yindi midugudu y'icyitegererezo, ukazaba isoko y'udushya mu gukoresha ingufu zisubira mu Rwanda.



***umushinga Living Lab watangirijwe mu mudugudu w'Icyitegererezo wa Muyanza mu murenge wa Buyoga.***




***Abanyeshuri bo mu ishuri rikuru ry'imyuga n'ubumenyi ngiro rya RP Tumba batangije umushinga Living Lab kubufatanye n'umushinga GREATER***